UYU MUNSI UMWEPISKOPI YASUYE ABAKRISTU BAGIZE SANTRALE YA NYUNDO

Uyu munsi tariki 09 Gicurasi 2018 guhera i saa yine za mugitondo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA , yatuye Igitambo cy'Ukaristiya arikumwe n'abakristu ba Santrale ya Nyundo. Santrale ya Nyundo n'imwe mu masantrale agize paruwasi katedrale ya Nyundo ikaba iri aho icyicaro cy'Umwepiskopi cyiri. Ni mugihe kandi amaze gusura amaparuwasi yose agize Diyosezi yacu yaNyundo agera nu mu masantrale yazo.

Mu nyigisho ye yabashimiye uko bakomeza kwitabira Missa Ntagatifu ya buri cyumweru na buri gitondo. Yabibukije kandi ko bo ari ab'Inyarurembo ko

bakwiye kurushako kandi ko kuba yabasuye abatekereza bahorana kandi ari hafi yabo cyane. Yakomeje ababwira ko yifatanyije nabo abahumuriza kandi abakomeza mu biza turi guhura nabyo. Yaboneyeho kwihanganisha abahuye n'ibiza ku buryo bw'umwihariko, aboneraho gusaba abakristu twese gufashanya cyane cyane abasenyewe n'ibiza badafite aho bikinga kubaba hafi muri ibi bihe bikomeye tukagaragaza koko ko turi abakristu bahimbaje Pasika ya Yezu wazutse mu bapfuye. Yakomeje ababwir ko urukundo n'ubufatanye bigomba kuturanga nk'abakristu.

Mu Ijambo rye uhagarariye abakristu ba Santrale ya Nyundo , yashimiye Nyiricyubahiro Musenyeri ko n'abo yabatekereje akabasura by'umwihariko, bamugaragarije ibyishimo bamufitiye nk'Umubyeyi wabo bamugenera Inka nziza nk'Impano bamugeneye mu gihe bumvise ko azaza kubasura nabo.

Mu Ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri yatangiye ashimira abapadiri bafite ubutumwa muri Paruwasi ya Nyundo ahereye kuri padiri Mukuru n'abamufasha. Yakomeje ashimira abakristu ba Santrale ya Nyundo muri rusange, yongera kubihanganisha cyane kubagezweho n'ibiza by'umwihariko. Yashimiye Inka bamuhaye, ashimira ibirori bateguye ukobyagenze neza n'uko babiteguye. Yakomeje ababwira ko yifuza ubufatanye n'abo cyane cyane mu kurangwa n'isuku aho bari hose cyane mu ngo zabo ; kurwanya imirire mibi bateka neza kandi bagira isuku ituma twirinda indwara zinyuranye. Yabasabye ko ubwo bamuhaye Inka atazumva ko hari umwana warwaye bwaki kandi afite inka zikamwa, bazamubwire abo barwaye abahe amata. Yarangije ijambo rye abashimira.

Padiri Jean Marie KWIZERA